No 243 December 2022



# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

## HASOJWE ICYICIRO CYA 18 CY'AMASOMO ATANGWA MU ISHURI RY'IHURIRO RYIGISHA POLITIKI N'IMIYOBORERE / YOUTH POLITICAL LEADERSHIP ACADEMY (YPLA)



**Abayobozi b'Ihuriro bafashe ifoto y'urwibutso n'abasoje amasomo y'icyiro cya 18**

Ku wa gatandatu tariki ya 17 Ukuboza 2022, ku Lemigo Hotel, iri ku Kimihurura mu Karere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali, hasojwe ku mugaragaro icyiciro cya 18 cy'amasomo atangwa mu ishuri ry'Ihuriro ryigisha politiki n'imiyoborere / YOUTH POLITICAL LEADERSHIP ACADEMY (YPLA). Aya mahugurwa ategurwa n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki (NFPO), agahabwa urubyiruko rutangwa n'Imitwe ya Politiki, ubu hakaba harahuguwe urubyiruko 82 rwo mu Mujyi wa Kigali n'urwo mu Ntara y'Iburengerazuba mu Karere ka Karongi. Harimo 42 b'igitsina gabo na 40 b'igitsina gore. Muri iki cyiciro, uretse amasomo bari basanzwe bahabwa ajyanye n'ubumenyi rusange mu bya Politiki, imiyoborere, amateka ya politiki y'u Rwanda, ubumenyi mu guseruka muri politiki, gutanga ubutumwa bwa politiki n'ubukangurambaga.



**Urubyiruko rwasuye ingoro y'amateka y'urugamba rwo guhagarika Jenoside**

Icyi cyiciro cyanasuye Ingoro y'amateka y'urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho basobanuriwe byinshi ku ngabo 600 za RPA zagombaga kurinda abanyapolitiki ba FPR bikarangira bafashe umwanzuro wo guhagarika Jenoside. Uru rubyiruko kandi rwanasuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Rebero, rushyinguwemo bamwe mu banyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho bagiye basobanurirwa ibikorwa by'ubutwari byabaranze birimo kurwanya akarengane, ivangura, irondakoko n'ibindi byaganishaga kuri Jenoside yarimo itegurwa na Leta y'icyo gihe bikabaviramo kwicwa.



**Urubyiruko rwasuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Rebero**

Umunyamabanga Nshingabikorwa w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, **Bwana GISAGARA Theoneste**, yashimiye abayobozi batandukanye bitabiriye



umuhango wo gusoza amasomo y'icyiciro cya 18. Mu ijambo rye yagize ati *"Mbere yo gutangira amasomo basobanuriwe intego z'iri shuri, banagezwaho ibyangombwa by'ishuri bibafasha kwiga neza amasomo. Muri rusange amasomo yagenze neza, tukaba dushimira uruhare rwa buri wese mu migendekere myiza yayo."* Yakomeje avuga ko uretse amasomo n'ibiganiro bahawe mu gihe cy'ibyumweru 6, banaganirijwe ku ndangagaciro zikwiye kuranga umunyapolitiki wo mu Rwanda rwa none zirimo: kubaha uwo mutari mu Mutwe wa Politiki umwe, guharanira ubumwe bw'Abanyarwanda, koroherana, gukunda u Rwanda n'Afurika, gukora politiki ishingiye ku bumenyi n'ubuhanga, ndetse no gukomeza guteza imbere demokarasi ishingiye ku bwumvikane. Yasoje kandi ashimira abanyeshuri basoje amasomo y'icyiciro cya 18 abifuriza amahirwe masa mu mwuga wa politiki biyemeje. Mu ijambo risoza uyu muhango, Umuvugizi w'Ihuriro, **Depite UWANYIRIGIRA Gloriose** yashimye ko Ihuriro ryateguye rikanashyira mu bikorwa




amasomo y'icyiciro cya 18. Yashimye abarimu bigisha muri iri shuri, kuko bafasha urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki gutandukanya politiki mbi y'amacakubiri isenya igihugu; ndetse na politiki nziza iharanira imibereho myiza n'iterambere by'abanyarwanda. Yibukije ko iri shuri rigamije: • Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki no kurushishikariza kwitabira umwuga wa politiki kugira ngo ruzavemo abayobozi b'ejo hazaza bashoboye; • Gutegura urubyiruko kugira ngo rwitabire kujya mu myanya y'ubuyobozi mu Mitwe ya Politiki rubarizwamo no gufasha iyo Mitwe ya Politiki gutera imbere; • Gufasha urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki kugira ubumenyi n'ubushobozi burufasha kugira uruhare rugaragara mu miyoborere myiza n'iterambere by'Igihugu. Umuvugizi yagaragaje ko kuva mu mwaka wa 2010 kugeza uyu munsi, urubyiruko rumaze kwiga muri iri shuri ari 1,323, rugizwe n'ab'igitsina gabo 51.2%, naho igitsina gore bakaba 48.8%. Avuga ko ari umubare ushimishije ukwiye gukomeza kuzamuka. Yasabye urubyiruko rwo mu Mitwe ya politiki gukomeza gusoma amasomo yose bahawe no gukora ubushakashatsi mu rwego rwo kwagura ubumenyi kuri politiki n'iterambere ry'Imitwe ya politiki, anabasaba kwitabira gahunda zose za Leta no kuzigiramo uruhare rufatika kuko ari rwo mbaraga z'igihugu zubaka kandi vuba. Yasoje ashimira Imitwe ya Politiki yohereje urubyiruko muri iri shuri, ashimira abarimu n'inzego za Leta ziritangamo ibiganiro. Mu gusoza uyu muhango, abanyeshuri bose bahawe Icyemezo(Certificate) na flash disk ziriho amasomo yose n'ibiganiro bakoze.

## ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI YO KU WA 22 UKUBOZA 2022



Ku wa kane, tariki ya 22 Ukuboza 2022, inama isanzwe y'Inama Rusange y'lhuriro ry'lgihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi waryo, **Depite UWANYIRIGIRA Gloriose.**

Inama Rusange yagiranye ikiganiro na Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo **Madamu Ingabire Paula** wagaragaje ko kuva mu mwaka wa 2005, u Rwanda rwashyize imbaraga mu bijyanye no gutanga serivisi z'ibanze hifashishijwe ikoranabuhanga mu nzego za Leta. Yagaragaje kandi ko kuva mu mwaka wa 2015, hashyizweho urubuga Irembo ahatangiye gutangirwa serivisi nyinshi zikenerwa n'abaturage. Icyifuzo cya Guverinoma y'u Rwanda ni uko kugeza mu mwaka wa 2024, serivisi zose zikenerwa n'abaturage zizaba zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Mu bimaze kugerwaho, harimo serivisi zigamije kunoza imikoranire y'inzego za Leta serivisi z'ikoranabuhanga mu gutwara abantu, kurengera ibidukikije, guteza imbere kutagendana amafaranga (cashless), n'ubucuruzi bukoresha ikoranabuhanga n'ibindi. Mu gukomeza kunoza imitangire ya servisi hifashishijwe ikoranabuhanga Minisitiri yavuze ko hatangiye kuvugururwa urubuga Irembo mu buryo bwa gihanga bityo bikazoroshya ndetse bikazihutisha ikorwa rya za porogaramu zifasha mu gutanga servisi. Ibi bizatuma hashobora gukorwa nka servisi 200 ku munsi umwe. İkindi ni ukongera umubare w'abafashamyumvire mu ikoranabuhanga no gukora ubuvugizi ku kugabanya ikiguzi cya telephone. Mu mbogamizi Minisitiri yagaragaje ko kugeza ubu umubare wa telefoni (smartphones) ukiri muto mu baturage, bityo bikabazitira kugerwaho na servisi z'ikoranabuhanga. Ikindi, ni imyumvire byagaragaye ko ikiri hasi ku buryo harimo gutegurwa gahunda z'ubukangurambaga mu byiciro bitandukanye nka cyber security, Child online protection, cashless, e-commerce, Irembo n'ibindi.

Inama Rusange yashimye ibimaze kugerwaho mu rwego rwo guteza imbere ikoranabuhanga n'itumanaho, ishima ko serivisi nyinshi zisigaye zitangwa hifashishijwe urubuga Irembo. Inama Rusange yijeje ubufatanye mu gukemura zimwe mu mbogamizi zagaragajwe.

Ku ngingo ijyanye n'ibimaze kugerwaho na Komite ishinzwe kubonera Ihuriro aho rikorera ridakodesha, Inama Rusange yashimye ibimaze gukorwa, itanga n'umurongo ku ngamba n'ibindi bikorwa Komite iteganya kugeraho.

## IHURIRO RYATEGUYE AMAHUGURWA Y'ABANYAMABAGA B'URUGAGA RW'ABAGORE RUSHAMIKIYE KU MITWE YA POLITIKI MU NTARA Y'IBURASIRAZUBA N'IY'AMAJYARUGURU



Tariki ya 3 na 4 Ukuboza 2022, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryahuguye abanyamabanga b'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mitwe ya Politiki igize Ihuriro; baturutse mu Turere 7 tugize Intara y'Iburasirazuba. Hitabiriye abagore 75 kuri 88 batumiwe. Aya mahugurwa yakorewe mu Karere ka Rwamagana, kuri Muhazi Beach Hotel, akaba yaratangijwe n'umuvugizi w'Ihuriro **Depite UWANYIRIGIRA Gloriose.** Yashimiye abanyamabanga b'urugaga rw'abagore bitabiriye amahugurwa, abibutsa ko ikigamijwe ari ugukomeza kongerera ubushobozi abagore bari mu nzego z'ubuyobozi bw'umutwe wa politiki mu bijyanye no kwitabira ibikorwa bya politiki harimo kwiyamamaza mu matora kugira ngo bajye mu nzego zifatirwamo ibyemezo; zaba izo mu Mitwe wa politiki cyangwa mu zindi nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta ndeste n'iz'abikorera.

Muri aya mahugurwa **Maitre KAMASHAZI Donnah** yatanze ikiganiro ku buringanire n'ubwuzuzanye mu bikorwa bya politiki. Yavuze ko igitsina gore n'igitsina gabo ari karemano ariko gender abantu bayihabwa n'abandi, avuga ko gender igena imirimo y'abagabo n'imirimo y'abagore. Mu muryango umugabo ikamugira umutware umugore ikamugira uwo mu rugo. Yababwiye ko uburinganire ari uburyo bwo gufata abagabo n'abagore kimwe imbere y'amategeko, imbere ya Politiki n'ibindi bikorwa byose bikorwa. Yakomeje agaragaza imbogamizi zikigaragara nko kuba abantu bagifite imyumvire ko umugore ari uwo mu rugo; kumva ko nta mugore ugira ubwenge; umubare w'abagore benshi batize; abagore bakeneye kongererwa ubumenyi; abana babakobwa bahohoterwa n'abaterwa inda zitateganyijwe. Asoza yabasabye kurera abana babo kimwe, bagatozwa imirimo kimwe, abana bagahabwa amahirwe angana (abahungu n'abakobwa). Yavuze ko ijwi ry'umugore rigira uruhare mu kubaka Igihugu, ababwira ko igihe ari iki ngo duhe agaciro uburenganzira bahawe, asaba ko mu Mitwe ya Politiki yabo gender equality igomba gukurikizwa.

**Hon. Gakuba Jeanne d'Arc** nawe yatanze ikiganiro ku ruhare rw'umugore mu bikorwa bya politiki. Yatangiye asobanura ko amateka yo hambere agaragaza umugore wagiraga uruhare rukomeye mu micungire y'urugo, umugabekazi akagira uruhare mu miyoborere ya Cyami kuko yagiraga inama Umwami, nyuma ubukoloni buje bwazanye ubusumbane n'amacakubiri yatangiye mu 1959, Abakoloni bazanye amashuri make, abahungu bakagira uburenganzira bwo kwiga amashuri yose, abagore bakiga amashuri y'ubutetsi (Ecole ménagères). Ibi bikaba byarasubije inyuma imitekerereze y'abanyarwanda cyane cyane abagore. Nyuma y'Inama mpuzamahanga ya Beijing yaganiraga ku burenganzira bw'umugore n'uburinganire bw'abagabo n'abagore, Leta y'ubumwe bw'abanyarwanda yimakaje ihame ry'uburunganire binyuze mu Itegeko Nshinga rya Repuburika y'u Rwanda mu ngingo ya 10; ishyiraho amategeko n'inzego (gender machinery) bifasha kubaka ubushobozi bw'umugore, mu mashuri abana babakobwa bashishikarizwa kwiga; bikaba byaratanze umusaruro kuko mu nzego zose ubu abagore barimo. Yasoje ababwira ko umugore w'umunyapolitiki agomba kugira indangagaciro ziri hejuru, akurikirana amakuru, agaharanira kumenya icyerekezo cy'Igihugu, abashishikariza gukora cyane kandi byiza mu myanya barimo, ariko mu nshingano nyinshi bagira bakagenera umwanya imiryango,yabo.

Muri aya mahugurwa, **Hon.UWAMARIYA Odette**, yatanze ubuhamya ku rugendo rwe mu mwuga wa politiki, aho yababwiye ko akimara kurangiza kaminuza yakunze kwitabira gahunda za Leta n'umuhate aza kuba umwe mu bagize Inama Njyanama y'Umurenge wa Nyarugenge. Nyuma yaje kwiyamamariza kujya mu nteko ntiyatorwa ariko ntiyacitse intege. Mu 2011 aza kugirwa Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba. Bimwe mu byamufashije ageze ku buyobozi ni ugushyira umuturage imbere, kumva inama z'abandi, guca bugufi no kumva bagenzi be. Yakomeje avuga ko nyuma y'imyaka itanu yavuye ku mwanya w'Umuyobozi w'Intara, ajya muri Minisiteri, bidatinze ajya muri Primature, ubu akaba ari mu Nteko Ishinga Amategeko. Yasabye abayobozi b'abagore bitabiriye amahugurwa kujya bakora ikintu cyose mu nyungu z'umuturage kuko ari cyo kintu gikomeye no gukora cyane kandi imyanya barimo bakwiye kujya bayifata nk'amahirwe kuko hashobora kuba hari n'abashoboye kubarusha. Ikindi yasabye abayobozi b'abagore bafite imiryango kujya baganira n'abo bashakanye gahunda zabo za buri munsi kuko bituma babafasha muri za nshingano z'inyabutatu.

Tariki ya 10 na 11 Ukuboza 2022, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ku nkunga y'Umuryango w'abibumbye ugamije iterambere (UDP), ryakoze andi mahugurwa y'abagize urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mitwe ya politiki igize Ihuriro. Amahugurwa yabereye mu Karere ka Musanze, yitabirwa n'abagore 54 kuri 55 baturuka mu Turere 5 tugize Intara y'Amajyaruguru.

Muri aya mahugurwa hatanzwe ikiganiro "Ku ruhare rw'umugore muri politiki" cyatanzwe na **Hon. Gakuba Jean d'Arc** hatangwa ikiganiro kuri "Politiki y'uburinganire mu iterambere ry'Igihugu" cyatanzwe na **Bwana KIMONYO Augustin** n'ubuhamya bw'umugore witeje imbere binyuze mu mwuga wa Politiki bwatanzwe na **Hon. MUREBWAYIRE Chritsine.**